Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
**Akarere ka Gicumbi**

**ITANGAZO RY'AKAZI K'IGIHE GITO**

**Hashingiwe ku ibaruwa N0 2188/12.00/2024 yo ku wa 22/11/2024 Minisitiri w'Uburezi yandikiye Uturere adusaba gushaka no gushyira mu myanya abarimu b'abasimbura;**

**Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko hari akazi k'igihe gito gasabwa binyuze ku kigo cy'ishuri cyegereye usaba akazi, kugira ngo yinjizwe muri sisitemu yabugenewe (TMIS) ifasha mu gushaka no gushyira mu myanya abarimu basimbura abari mu biruhuko.**

**Usaba Akazi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

**1. Gutanga Diplome (A2/A1,A0) iherekejwe n'indangamanota (Transcript /Report) bisikannye neza mu buryo busomeka;**

**2. Gukorera ku masezerano y'igihe gito (Igihe kingana n'icyagenewe uwo asimbura)**

**3. Gukorera ku kigo atasabyeho mu gihe aho yasabye hatabonetse umwanya;**

**Icyitonderwa:**

**4. Buri muyobozi w'Ishuri ushyikirijwe Ubusabe abushyira muri TMIS n'iyo yaba adafite umwarimu mu kiruhuko**

**Bikorewe i Gicumbi, ku wa 20/04/2026**

**NZABONIMPA Emmanuel**

**Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi**

AKARERE KA GICUMBI
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE UMURIMO GUKUNDA IGIHUGU

*Website: www.gicumbi.gov.rw* E-mail: info@gicumbi.gov.rw Tel: 4143

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Kigali, ku wa 9./.4../2026
N° 0430./REB /05/2026

**Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)**

**Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)**

**Impamvu: Kubibutsa gusimbuza abarimu bari mu kiruhuko cyo kubyara**

Bwana Muyobozi,

Mpereye ku ibaruwa **No: 2188/12.00.2024** yo ku wa 22 Ugushyingo 2024, Minisiteri y'uburezi yandikiye uturere itugezaho amabwiriza agenderwaho mu gushaka abarimu babasimbura;

Mpereye kandi ku ibaruwa **No: 1710/19.23** yo kuwa 11 Nzeli 2025, Minisiteri ishinzwe abakozi ba Leta n'Umurimo yandikiye Uturere ibagezaho uburyo bwo guhemba abarimu b'abasimbura;

Mbandikiye mbibutsa kujya musimbuza ku gihe abarimu bahawe ikiruhuko cyo kubyara mu gendeye ku mabwiriza yavuzwe haruguru kugira ngo abanyeshuri batazajya basigara inyuma bitewe no kubura umwarimu ubigisha mu gihe kirekire.

Mugire amahoro.

RWANDA BASIC EDUCATION BOARD (REB)

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
Umuyobozi Mukuru

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC